

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

A. Iteka rya Minisitiri / Ministerial Order / Arrêté Ministériel

N° 021/MOJ/AG/2017 18/09/2017

Iteka rya Minisitiri rishyiraho abashinzwe kuburanira Leta.....3

N° 021/MOJ/AG/2017 of 18/09/2017

Ministerial Order appointing State Attorneys.....3

N° 021/MOJ/AG/2017 du 18/09/2017

Arrêté Ministériel portant nomination des Mandataires de l'Etat3

B. Guhindura amazina /Change of names/Changement de noms

- BENEGUSENGA Aziza.....7
- MUKA UMUTANGWA Aimérance.....11
- KIRUSHA Pascal MAZIMPAKA.....12
- LONDA NYIRAHUKU Joseph.....13
- HABINEZA Jean Pierre.....14
- GATUNZI UWIMANA Francine.....14
- SINDAMBIWE Abdallah.....15
- MUSENGIMANA Blandine.....15
- MUREKATETE Françoise.....16
- NZAYISENGA Modeste.....17
- MBONABUCYA George.....18

C. Imiryango/Organisations

- LIFE WOUNDS HEALING ASSOCIATION, (LIWOHA).....19
- IMIZI CHILDREN'S CENTER.....21
- REACH THE CHILDREN RWANDA.....23
- ADONAI HOLY FAMILY MINISTRY.....25
- FOOTSTEPS.....27

D. Amakoperative/Cooperatives/Coopératives

- ABATICUMUGAMBI RUDASHYA29
- HOLY GARDEN.....30
- IMBONI KINYINYA31
- COPELOMA - TWUNGUBUMWE32
- UMOJA NI NGUVU NYAMIRAMA.....33
- KODUKAMU.....34
- TERIMBERE GISHARI.....35
- MPORE MAMA36
- ABAHUJE UKURI NYANGE.....37
- UVEPO38
- KODUIRU.....39

- KOPEGI – NYAMASHEKE.....	40
- DUHARANIRE KUJIJUKA – MUGINA.....	41
- FILICO.....	42
- SACCO TUZAMURANE MUKINGO.....	43
- MURYAWETU.....	44
- INYAMAMARE NYABIRASI.....	45
- COTTAMOHU.....	46
- KOAIGM.....	47
- KOAIBUKINA.....	48

ITEKA RYA MINISITIRI MINISTERIAL ORDER ARRETE MINISTERIEL
N°021/MOJ/AG/2017 RYO KU WA N°021/MOJ/AG/2017 OF 18/09/2017 N°021/MOJ/AG/2017 DU 18/09/2017
18/09/2017 RISHYIRAHO APPOINTING STATE ATTORNEYS PORTANT NOMINATION DES
ABASHINZWE KUBURANIRA MANDATAIRES DE L'ETAT
LETA

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

<u>Ingingo ya mbere:</u> Itangwa ry'ububasha	<u>Article One:</u> Grating powers	<u>Article premier:</u> Attribution de la qualité
<u>Ingingo ya 2:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka	<u>Article 2:</u> Repealing provision	<u>Article 2:</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 3:</u> Igihe iri teka ritangira gukurikizwa	<u>Article 3:</u> Commencement	<u>Article 3:</u> Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI MINISTERIAL ORDER ARRETE MINISTERIEL
N°021/MOJ/AG/2017 RYO KU WA N°021/MOJ/AG/2017 OF 18/09/2017 N°021/MOJ/AG/2017 DU 18/09/2017
18/09/2017 RISHYIRAHO APPOINTING STATE ATTORNEYS PORTANT NOMINATION DES
ABASHINZWE KUBURANIRA MANDATAIRES DE L'ETAT
LETA

Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa The Minister of Justice/ Attorney Le Ministre de la Justice/Garde des
Nkuru ya Leta, General, Sceaux,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Pursuant to the Constitution of the Vu la Constitution de la République du
Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 Republic of Rwanda of 2003 revised in Rwanda de 2003 révisée en 2015,
ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu 2015, especially in Articles 121, 122 spécialement en ses articles, 121, 122 et 176;
ningo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176; and 176;

Ashingiye ku Itegeko n° 83/2013 ryo ku Pursuant to Law n° 83/2013 of 11/09/2013 Vu la Loi n° 83/2013 du 11/09/2013 portant
wa 11/09/2013 rishyiraho Urugaga establishing the Bar Association in création de l'Ordre des Avocats au Rwanda
rw'Abavoka mu Rwanda, rikanagena Rwanda and determining its organization et déterminant son organisation et son
imitunganyirize n'imikorere byarwo, and functioning especially in Articles 6, 65 fonctionnement, spécialement en ses articles
cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 6, iya 65 and 67; 6, 65 et 67 ;
65 n'iya 67;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa After consideration and approval by Après examen et approbation par le Conseil
13/02/2015 imaze kubisuzuma no Cabinet, in its session of 13/02/2015; des Ministres, en sa séance du 13/02/2015 ;
kubyemeza;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE:

Ingingo ya mbere: Itangwa ry'ububasha

Article One: Granting powers

Article Premier : Attribution de la qualité

Ububasha bwo kuburanira Leta muri Banki Nkuru y'u Rwanda buhawe abakozi bakurikira:

The power of State Attorney in the National Bank of Rwanda is conferred to the following staff members:

La qualité de mandataire de l'Etat au sein de la Banque Nationale du Rwanda est conférée aux agents suivants:

Official Gazette n° 38 of 18/09/2017

1° Bwana CYIZA Clément;

1° Mr. CYIZA Clément;

1° Monsieur CYIZA Clément;

2° Bwana MUREGO Jean Léonard.

2° Mr. MUREGO Jean Léonard.

2° Monsieur MUREGO Jean Léonard.

Ingingo ya 2: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 2: Repealing provision

Article 2: Disposition abrogatoire

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

All prior provisions contrary to this Order are repealed.

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 3: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa

Article 3: Commencement

Article 3: Entrée en vigueur

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni rishyiriweho umukono. Agaciro karyo guhera ku wa 13/02/2015.

This Order comes into force on the date of its signature. It takes effect as of 13/02/2015.

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa signature. Il sort ses effets à partir du 13/02/2015.

Kigali, ku wa **18/09/2017**

Kigali, on **18/09/2017**

Kigali, le **18/09/2017**

\

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru
ya Leta

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minister of Justice/Attorney General

(sé)

BUSINGYE Johnston

Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango
cya Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru
ya Leta

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minister of Justice/Attorney General

(sé)

BUSINGYE Johnston

Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**ITEKA RYA MINISITIRI
N°2559/08.25 RYO KU WA 30/11/2015
RITANGA UBURENGAZIRA BWO
GUHINDURA AMAZINA**

**MINISTERIAL ORDER N°2559/08.25
OF 30/11/2015 AUTHORIZING
CHANGE OF NAMES**

**ARRETE MINISTERIEL N°2559/08.25
DU 30/11/2015 PORTANT
AUTORISATION DE CHANGEMENT
DE NOMS**

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

**Ingingo ya mbere: Uburenganzira bwo
guhindura amazina**

**Article One: Authorization to change
names**

**Article premier: Autorisation de
changement de noms**

**Ingingo ya 2: Igihe cyo guhinduza mu
gitabo cy'irangamimerere**

**Article 2: Duration for changing in the
civil registry**

**Article 2: Délai de changement au registre
de l'état civil**

**Ingingo ya 3: Igihe iteka ritangira
gukurikizwa**

Article 3: Commencement

Article 3: Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N°2559/08.25 RYO KU WA 30/11/2015 RITANGA UBURENGANZIRA BWO GUHINDURA AMAZINA	MINISTERIAL ORDER N°2559/08.25 OF 30/11/2015 AUTHORISING CHANGE OF NAMES	ARRETE MINISTERIEL N°2559/08.25 DU 30/11/2015 PORTANT AUTORISATION DE CHANGEMENT DE NOMS
Minisitiri w’Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta	The Minister of Justice/Attorney General	Le Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux
Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk’uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 120 n’iya 121;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 120 and 121;	Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120 et 121;
Ashingiye ku Itegeko n° 42/1988 ryo ku wa 27 Ukwakira 1988 rishyiraho Interuro y’Ibanze n’Igitabo cya Mbere cy’Urwunge rw’Amategeko Mbenezamubano, cyane cyane mu ngingo zaryo kuva ku ya 65 kugeza ku ya 71;	Pursuant to Law n° 42/1988 of 27 October 1988, establishing the Preliminary Title and Volume One of the Civil Code, especially in Articles 65 to 71;	Vu la Loi n°42/1988 du 27 octobre 1988 instituant le Titre Préliminaire et le Livre Premier du Code Civil, spécialement en ses articles de 65 à 71;
Ashingiye ku Iteka rya Perezida n° 27/01 ryo ku wa 18/07/2004 rigena amwe mu mateka y’Abaminisitiri yemezwa atanyuze mu Nama y’Abaminisitiri, cyane cyane mu ngingo yaryo ya mbere;	Pursuant to the Presidential Order n°27/01 of 18/07/2004, determining certain Ministerial Orders which are adopted without consideration by the Cabinet, especially in Article One;	Vu l’Arrêté Présidentiel n°27/01 du 18/07/2004 déterminant certains arrêtés Ministériels qui ne sont pas adoptés par le Conseil des Ministres, spécialement en son article premier;
Amaze kubona Iteka rya Minisitiri n°019/17 ryo ku wa 05/12/2001 rihindura Iteka rya Minisitiri n° 097/05 ryo ku wa 25/03/1992 rishyiraho umubare w’amafaranga atangwa n’abashaka	Pursuant to the Ministerial Order n°019/17 of 5/12/2001, modifying Ministerial Order n° 097/05 of 25/03/1992, establishing the amount of fees to be paid for altering names and	Considérant l’Arrêté Ministériel n° 019/17 du 05/12/2001 modifiant l’Arrêté Ministériel n° 097/05 du 25/03/1992 portant fixation du montant des frais relatifs au changement de noms ou prénoms ainsi que les modalités de

guhindura amazina yabo n'uburyo yakirwa, cyane cyane mu ngingo yaryo ya mbere;

Abisabwe na **Madamu BENEGUSENGA Aziza** mu ibaruwa ye yakiriwe ku wa 06/06/2014;

ATEGETSE:

Ingingo ya mbere: Uburenganzira bwo guhindura amazina

Madamu BENEGUSENGA Aziza utuye mu Mudugudu wa Bukinanyana, Akagari ka Nyagatovu, mu Murenge wa Kimironko, Akarere ka Gasabo, mu Mujyi wa Kigali; ahawe uburenganzira bwo gusimbuza izina AZIZA izina **Tabitha** kitwa **BENEGUSENGA Tabitha** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

Ingingo ya 2: Igihe cyo guhindura mu gitabo cy'irangamimerere

Madamu BENEGUSENGA Aziza ahawe uburenganzira bwo guhindura amazina ye **BENEGUSENGA Aziza** akayasimbuza **BENEGUSENGA Tabitha** mu gitabo cy'Irangamimerere mu gihe cy'amezi atatu (3) uherye ku muni iri teka

modalities for their collection, especially in Article One;

On request lodged by Mrs **BENEGUSENGA Aziza** received on 06/06/2014;

HEREBY ORDERS:

Article One: Authorisation to change names

Mrs. BENEGUSENGA Aziza domiciled in Bukinanyana village, Nyagatovu Cell, Kimironko Sector, Gasabo District, in the City of Kigali; is hereby authorized to replace her name AZIZA by **Tabitha** to become **BENEGUSENGA Tabitha** in the register of civil status containing her birth certificate.

Article 2: Duration for changing in the civil registry

Mrs BENEGUSENGA Aziza is hereby authorized to change her names **BENEGUSENGA Aziza** to become **BENEGUSENGA Tabitha** in the civil registry containing his birth certificate within three months (3) commencing from the date of publication of this Order in the

leur perception, spécialement en son article premier;

Sur requête de Madame **BENEGUSENGA Aziza** reçue le 06/06/2014;

ARRETE:

Article premier: Autorisation de changement noms

Madame BENEGUSENGA Aziza domiciliée dans le Village de Bukinanyana, dans la Cellule de Nyagatovu, Secteur de Kimironko, District de Gasabo, dans la Ville de Kigali; est autorisée à remplacer le nom AZIZA par **Tabitha** pour être appelée **BENEGUSENGA Tabitha** dans le registre de l'état civil contenant son acte de naissance.

Article 2: Délai de changement au registre de l'état civil

Madame BENEGUSENGA Aziza est autorisée à changer ses noms de **BENEGUSENGA Aziza** pour être appelée **BENEGUSENGA Tabitha** dans le registre de l'état civil contenant son acte de naissance dans un délai de trois mois (3) à partir de la

ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Official Gazette of the Republic of Rwanda.

publication du présent arrêté au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Ingingo ya 3: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Article 3: Commencement

Article 3: Entrée en vigueur

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa 30/11/2015

Kigali, on 30/11/2015

Kigali, le 30/11/2015

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minister of Justice/Attorney General

(sé)

BUSINGYE Johnston

Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minister of Justice/Attorney General

(sé)

BUSINGYE Johnston

Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ICYEMEZO GITANGA UBURENGANZIRA BWO GUHINDURA IZINA

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;

Ashingiye ku Itegeko n° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 42;

Ashingiye ku Iteka rya Minisitiri n° 001/07.01 ryo ku wa 17/01/2017 rishyiraho uburyo n'inzira bikurikizwa mu guhindura izina;

Amaze kubona ibaruwa ya **MUKA UMUTANGWA Aimérance** yo ku wa 06/07/2017 isaba uburenganzira bwo guhindura amazina asanzwe yanditse mu gitabo cy'irangamimerere

Yemeje ko:

Madamu **MUKA UMUTANGWA Aimérance**, utuye mu Mudugudu w'Urumuri, Akagari ka Rwezamenyo, Umurenge wa Rwezamenyo, Akarere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali; ahinduye amazina asanganywe.

Kuva ubu yiswe **KALINDA MUKA UMUTANGWA Aimérance**.

Bikorewe i Kigali, ku wa 13/09/2017

(sé)

KABONEKA Francis

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA KIRUSHA Pascal MAZIMPAKA
RUSABA GUHINDURA AMAZINA**

Uwitwa **KIRUSHA Pascal MAZIMPAKA**, mwene KIRUSHA Anastase na NYIRARWIMO Marthe utuye mu Mudugudu wa Maswa I, Akagari ka Rubona, Umurenge wa Rukumberi, Akarere ka Ngoma, mu Ntara y'Iburasirazuba;

Yasabye uburenganzira bwo guhindura amazina asanganywe KIRUSHA Pascal MAZIMPAKA akitwa **KIRUSHA Pascal Anastase**.

Icyo yasabye ni ugusimbuza izina MAZIMPAKA izina **Anastase** mu mazina ye KIRUSHA Pascal MAZIMPAKA bityo akitwa **KIRUSHA Pascal Anastase** mu irangamimerere.

Impamvu atanga ni uko izina MAZIMPAKA, n'ubwo ariryo zina bwite yiswe n'ababyeyi be akivuka, ritigeze ryandikwa mu byangombwa by'amashuri kuko mu gihugu cya Tanzania aho yigiye agasoreza amashuri mu mwaka wa 1984, yasabye gukoresha amazina ya se ariyo KIRUSHA Anastase, yiyongera ku izina rye ry'ingereka Pascal bityo yiga yitwa KIRUSHA Pascal Anastase.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina MAZIMPAKA izina **Anastase** mu mazina asanganywe KIRUSHA Pascal MAZIMPAKA bityo akitwa **KIRUSHA Pascal Anastase** mu gitabo cy'irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA LONDA NYIRAHUKU Joseph RUSABA
GUHINDURA AMAZINA**

Uwitwa LONDA NYIRAHUKU Joseph, mwene NYIRAHUKU Antoine na UWANYIRIGIRA Domina utuye mu Mudugudu wa Karisimbi, Akagari ka Cyivugiza, Umurenge wa Nyamirambo, Akarere ka Nyarugenge, mu Mujyi wa Kigali;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza amazina asanganywe LONDA NYIRAHUKU Joseph, amazina **MUGISHA Joseph**;

Icyo yasabye ni ugusimbuza amazina ye LONDA na NYIRAHUKU izina **MUGISHA** mu mazina asanganywe LONDA NYIRAHUKU Joseph bityo akitwa **MUGISHA Joseph** mu irangamimerere.

Impamvu atanga ku izina LONDA ni uko yarwiswe igihe avuka, umuryango we utuye mu gihugu cya Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo (DRC) ababyeyi be barimwita bamwitirira inshuti yabo y'Umunyekongo yitwaga LONDA, ubu rikaba rimubangamira nk'umwana w'Umunyarwanda utuye mu Rwanda kandi ukorera u Rwanda.

Naho ku izina NYIRAHUKU, atanga impamvu y'uko rimutera ipfunwe kuko ari izina ry'inyamaswa, bikaba bimubangamiye nk'umuntu w'Umukirisitu.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina LONDA n'izina NYIRAHUKU, izina **MUGISHA** mu mazina ye LONDA NYIRAHUKU Joseph, akitwa **MUGISHA Joseph** mu gitabo cy'irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA HABINEZA Jean Pierre RUSABA GUHINDURA AMAZINA

Uwitwa **HABINEZA Jean Pierre**, mwene KAPITA Joseph na MUKABUSORO Agnès utuye mu Mudugudu w' Intashyo, Akagari ka Bibare, Umurenge wa Kimironko, Akarere ka Gasabo, mu Muji wa Kigali;

Yasabye uburenganzira bwo guhindura amazina asanganywe **HABINEZA Jean Pierre** akitwa **HABINEZA Peter** mu Irangamimerere

Icyo yasabye ni ugusimbuza izina asanganywe Jean Pierre izina **Peter** mu mazina asanganywe **HABINEZA Jean Pierre** bityo akitwa **HABINEZA Peter** mu Irangamimerere.

Impamvu atanga ni uko agiye gutangira amashuri yisumbuye yayize muri sisiteme y'icyongereza (English system), ahita ahindura izina afata izina Peter ahita yitwa **HABINEZA Peter** mu mashuri yisumbuye yose.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina Jean Pierre izina **Peter**, bityo akitwa **HABINEZA Peter** mu gitabo cy'irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA GATUNZI UWIMANA FRANCINE RUSABA GUHINDURA AMAZINA

Uwitwa GATUNZI UWIMANA Francine, mwene GATUNZI Caritas na MUKAKAMANZI Vélène utuye mu Mudugudu w'Imihigo, Akagari ka Kimihurura, Umurenge wa Kimihurura, Akarere ka Gasabo, mu Muji wa Kigali;

Yasabye uburenganzira bwo guhindura amazina asanganywe GATUNZI UWIMANA Francine agasimbuza izina UWIMANA, izina EL AASSAL mu mazina asanganywe bityo akitwa **EL AASSAL GATUNZI Francine** mu irangamimerere.

Impamvu atanga ni uko yashyiringanywe na Bwana EL AASSAL ABDERRAHIM mu buryo bwemewe n'amategeko, akaba asabwa n'amategeko y'igihugu cy'Ubudage umugabo we afitiye ubwenehugu, kugira izina ry'umuryango w'umugabo we ariryo **EL AASSAL**.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina UWIMANA izina **EL AASSAL** mu mazina asanganywe GATUNZI UWIMANA Francine bityo akitwa **EL AASSAL GATUNZI Francine** mu gitabo cy'irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA SINDAMBIWE ABDALLAH RUSABA GUHINDURA AMAZINA

Uwitwa **SINDAMBIWE Abdallah**, mwene MPAZAYABO Twahiru na AYINGENEYE Zabibu utuye mu Mudugudu wa Nyanza, Akagari ka Kabaya, Umurenge wa Kabaya, Akarere ka Ngororero mu Ntara y'Iburengerazuba;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina SINDAMBIWE izina **IRADUKUNDA** mu mazina asanganywe **SINDAMBIWE Abdallah**, akitwa **IRADUKUNDA Abdallah** mu gitabo cy'Irangamimerere

Impamvu atanga ni uko izina SINDAMBIWE yiswe n'ababyeyi be ari irigenurano rikaba rimutera ipfunwe bigatuma atinya kujya mu bandi.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina SINDAMBIWE izina **IRADUKUNDA**, mu mazina asanganywe SINDAMBIWE Abdallah bityo akitwa **IRADUKUNDA Abdallah** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA MUSENGIMANA BLANDINE RUSABA GUHINDURA AMAZINA

Uwitwa **MUSENGIMANA Blandine**, mwene NSANZUMUHIRE na NYIRAHABINKA utuye mu Mudugudu wa Nyenyeri, Akagari ka Kabeza, Umurenge wa Kanombe, Akarere ka Kicukiro, mu Mujyi wa Kigali;

Yasabye uburenganzira bwo guhindura amazina ye MUSENGIMANA Blandine, agasimbuza izina Blandine, izina **Gentile** akitwa **MUSENGIMANA Gentile** mu irangamimerere.

Impamvu atanga ni uko akivuka yiswe MUSENGIMANA Gentile, aza kubatizwa izina **Blandine** yaratangiye kwiga ariko ntiyigera asimbuza izina Gentile izina Blandine n'ubwo yagejeje aho agahabwa indangamuntu irimo amazina MUSENGIMANA Blandine ndetse n'urwandiko rw'abajya mu mahanga ku mazina MUSENGIMANA Blandine.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina Blandine izina **Gentile** mu mazina asanganywe MUSENGIMANA Blandine bityo akitwa **MUSENGIMANA Gentile** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA MUREKATETE Françoise RUSABA
GUHINDURA AMAZINA**

Uwitwa **MUREKATETE Françoise**, ubarizwa mu Mudugudu wa Kabeza, Akagari ka Ruli, Umurenge wa Shyogwe, Akarere ka Muhanga, mu Ntara y'Amajyepfo; yasabye kwemererwa guhindura amazina ye MUREKATETE Françoise akitwa **MUREKATETE Françoise NABINTU** mu irangamimerere ye.

Impamvu atanga ni uko yigiye amashuri yisumbuye mu Gihugu cya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (D.R.C.) aho byabaye ngombwa ko yongera izina rya gatatu, **NABINTU** ku mazina ye y'amavuko ageze mu mwaka wa gatandatu nk'uko biteganywa n'amategeko yo muri icyo Gihugu.

Nyuma yabonye impamyabumenyi yanditse ku mazina **MUREKATETE Françoise NABINTU**, ariko ashoje Kaminuza muri "Institut Catholique de Kabgayi", izina **NABINTU** ntiryandikwa ku mpamyabumenyi ye kuko ritanditse mu ndangamuntu ye.

Ni muri urwo rwego asaba ko ayo mazina atatu **MUREKATETE Françoise NABINTU** ariyo yakwandikwa ku byangombwa bye byose no mu mu gitabo cy'irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA NZAYISENGA Modeste RUSABA
GUHINDURA AMAZINA**

Uwitwa **NZAYISENGA Modeste**, mwene MUNYABARAME Ildephonse na MUKAMANA Candide utuye mu Mudugudu wa Kangondo ya I, Akagari ka Nyarutarama, Umurenge wa Remera, Akarere ka Gasabo, mu Muji wa Kigali;

Yasabye uburenganzira bwo kongera izina **RUTANGARWAMABOKO** mu mazina asanganywe **NZAYISENGA Modeste** akitwa **RUTANGARWAMABOKO NZAYISENGA Modeste** mu irangamimerere ye.

Impamvu atanga ni uko izina **RUTANGARWAMABOKO**:

- Arifiteho umurage ukomeye wa sogokuruza we kuko ubumenyi afite bwimbitse n'imibereho ishingiyeye ku mucu akomora kuri sogokuruza we, **RUTANGARWAMABOKO**, iri zina rimaze kumuremamo akito;
- Yifuza ko mu rwego rwo gusigasira uwo umurage n'amategeko y'umuryango we ndetse n'umuryango nyarwanda muri rusange kugaragariza abazakurikiraho rikaba rifite umwihariko wo kuba ryaramuremyemo akito ariko ubu rikaba ritanditse mu mazina ye.
- Kuba akoresha iri zina mu kazi ke ka buri munsu kandi rifite aho rihuriye n'amateka y'umuryango we, rubanda rukaba rumuzi kuri iri zina ryavuzwe haruguru.

Indi mpamvu ni uko ariryo akoresha ku mbuga nkoranyambaga, mu biganiro mbwirwaruhame ndetse no kuba ari zina ry'umurage w'umuryango, nk'umwuzukuru mukuru akaba yifuza gusigasira iryo zina n'amateka y'umuryango.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, kongera izina **RUTANGARWAMABOKO** mu mazina asanganywe **NZAYISENGA Modeste** bityo akitwa **RUTANGARWAMABOKO NZAYISENGA Modeste** mu gitabo cy'irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA MBONABUCYA George RUSABA
GUHINDURA AMAZINA**

Uwitwa **MBONABUCYA George**, mwene MANIRAGUHA Eliezer na MUKANDANGA Rachel, utuye mu Mudugudu wa Kibaya, Akagari ka Kamashashi, Umurenge wa Nyarugunga, Akarere ka Kicukiro, mu Muji wa Kigali;

Yasabye uburenganzira bwo guhindura amazina asanganywe **MBONABUCYA George**, amazina **MUGISHA Aimé** akitwa **MUGISHA Aimé** mu irangamimerere.

Icyo yasabye ni ugusimbuza izina **MBONABUCYA** izina **MUGISHA**, izina George izina **Aimé**, akitwa **MUGISHA Aimé** mu irangamimerere.

Impamvu atanga ni uko izina **MBONABUCYA** yaryiswe n'ababyeyi be, bagenura inzangano zari hagati y'abagize umuryango we ubwabo, ndetse no hagati yabo n'abaturanyi, zikaba zarahitanye se, rikaba rimutera ipfunwe; Naho izina **George**, na ryo akaryangira ko rimutera ipfunwe bivuye ku buryo bagenzi be bamuserereza iyo akoze akantu ako ari ko kose katameze neza, bagahita bamwitirira uwitwaga "George Baneti" uzwi mu bitabo by'imigani aho agaragazwa nk'umuntu w'ikigoryi cyane, akaba arisimbuza izina **Aimé** kuko ari naryo yabatijwe mu Itorero rya ADPER, Paruwasi ya Kamashashi.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza amazina **MBONABUCYA George**, amazina **MUGISHA Aimé** akitwa **MUGISHA Aimé** mu gitabo cy'irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

RGB

**ICYEMEZO CY'UBUZIMAGATOZI
BW'UMURANGO NYARWANDA UTARI UWA LETA
N° 84/RGB/NGO/2016**

Dushingiye ku Itegeko n° 04/2012 ryo ku wa 17/02/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango nyarwanda itari iya Leta, cyane cyane mu ngingo zaryo za 22 na 23;

Tumaze gusuzuma ubusabe bwawo tugasanga wujuje ibisabwa kugira ngo Umuryango nyarwanda utari uwa Leta uhabwe ubuzimagatozi;

Duhaye ubuzimagatozi umuryango ***LIFE WOUNDS HEALING ASSOCIATION, (LIWOHA)***.

Bikorewe i Kigali, ku wa 15/04/2016

(sé)
Prof. SHYAKA Anastase
Umuyobozi w'Urwego

Annex: DETAILS OF THE LEGAL PERSONALITY FOR NATIONAL NON GOVERNEMENTAL ORGANIZATION

Name of Organization: *LIFE WOUNDS HEALING ASSOCIATION, (LIWOHA)*

Head Quarters/ Address: GASABO DISTRICT/MATIMBA

The Legal Representative: GASIBIREGE SIMON

Deputy Legal Representative: KAMBANDA ANTOINE

Legal Personality n°: 84/RGB/NGO/2016

Issued by: RWANDA GOVERNANCE BOARD

Date of issue: 15/04/2016

Type of Organization: NGO

Mission: Social – economic Development

(sé)
Prof. SHYAKA Anastase
CEO / RGB

RGB

**ICYEMEZO CY'UBUZIMAGATOZI
BW'UMURANGO NYARWANDA UTARI UWA LETA
N° 23/RGB/NGO/2015**

Dushingiye ku Itegeko n° 04/2012 ryo ku wa 17/02/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango nyarwanda itari iya Leta, cyane cyane mu ngingo zaryo za 22 na 23;

Tumaze gusuzuma ubusabe bwawo tugasanga wujuje ibisabwa kugira ngo Umuryango nyarwanda utari uwa Leta uhabwe ubuzimagatozi;

Duhaye ubuzimagatozi umuryango ***IMIZI CHILDREN'S CENTER.***

Bikorewe i Kigali, ku wa 08/09/2015

(sé)
Prof. SHYAKA Anastase
Umuyobozi Mukuru

Annex: DETAILS OF THE LEGAL PERSONALITY FOR NATIONAL NON GOVERNEMENTAL ORGANIZATION

Name of Organization: *IMIZI CHILDREN'S CENTER*

Head Quarters/ Address: RWAMAGANA DISTRICT/MUHAZI

The Legal Representative: MITABU NTEZIRYAYO CELESTIN

The Deputy Legal Representative: NYAMURANGWA FRED

Legal Personality n°: 23/RGB/NGO/2015

Issued by: RWANDA GOVERNANCE BOARD

Date of issue: 08/09/2015

Type of Organization: NGO

Mission: TRANSFORMING THE BEHAVIOR OF THE STREET CHILDREN TO INTEGRATE THEM INTO SOCIETY

(sé)

**Prof. SHYAKA Anastase
Chief Executive Officer**

RGB

**ICYEMEZO CY'UBUZIMAGATOZI
BW'UMURANGO NYARWANDA UTARI UWA LETA
N° 55/RGB/NGO/2016**

Dushingiye ku Itegeko n° 04/2012 ryo ku wa 17/02/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango nyarwanda itari iya Leta, cyane cyane mu ngingo zaryo za 22 na 23;

Tumaze gusuzuma ubusabe bwawo tugasanga wujuje ibisabwa kugira ngo Umuryango nyarwanda utari uwa Leta uhabwe ubuzimagatozi;

Duhaye ubuzimagatozi umuryango ***REACH THE CHILDREN RWANDA.***

Bikorewe i Kigali, ku wa 15/12/2016

(sé)
Prof. SHYAKA Anastase
Umuyobozi Mukuru

Annex: DETAILS OF THE LEGAL PERSONALITY FOR NATIONAL NON GOVERNEMENTAL ORGANIZATION

Name of Organization: REACH THE CHILDREN RWANDA

Head Quarters/ Address: GASABO DISTRICT

The Legal Representative: BENJAMIN MUSUHUKYE

The Deputy Legal Representative: NORMAN PAUL DESIRE

Legal Personality n°: 55/RGB/NGO/2016

Issued by: RWANDA GOVERNANCE BOARD

Date of issue: 15/12/2016

Type of Organization: NGO

Mission: TO PROMOTE SOCIAL WELFARE OF CHILDREN

(sé)
Prof. SHYAKA Anastase
Chief Executive Officer

RGB

**ICYEMEZO CY'UBUZIMAGATOZI
BW'UMURANGO NYARWANDA UTARI UWA LETA
N° 19/RGB/RBO/2016**

Dushingiye ku Itegeko n° 06/2012 ryo ku wa 17/02/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango ishingiyeye ku idini, cyane cyane mu ngingo zaryo za 21 na 22;

Tumaze gusuzuma ubusabe bwawo tugasanga wujuje ibisabwa kugira ngo Umuryango ushingiyeye ku idini uhabwe ubuzimagatozi;

Duhaye ubuzimagatozi umuryango ***ADONAI HOLY FAMILY MINISTRY.***

Bikorewe i Kigali, ku wa 03/11/2016

(sé)
Prof. SHYAKA Anastase
Umuyobozi Mukuru

Annex: DETAILS OF THE LEGAL PERSONALITY FOR RELIGIOUS BASED ORGANIZATION

Name of Organization: ADONAI HOLY FAMILY MINISTRY (AHFM)

Head Quarters/ Address: NYAGATARE DISTRICT

The Legal Representative: KABEREKA FRANCIS

The Deputy Legal Representative: NIBAGWIRE ANNE

Legal Personality n°: 19/RGB/RBO/2016

Issued by: RWANDA GOVERNANCE BOARD

Date of issue: 03/11/2016

Type of Organization: RBO

Mission: EVANGELISM

(sé)
Prof. SHYAKA Anastase
Chief Executive Officer

RGB

**ICYEMEZO CY'UBUZIMAGATOZI
BW'UMURANGO NYARWANDA UTARI UWA LETA
N° 60/RGB/NGO/2016**

Dushingiye ku Itegeko n° 04/2012 ryo ku wa 17/02/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango nyarwanda itari iya Leta, cyane cyane mu ngingo zaryo za 21 na 22;

Tumaze gusuzuma ubusabe bwawo tugasanga wujuje ibisabwa kugira ngo Umuryango nyarwanda utari uwa Leta uhabwe ubuzimagatozi;

Duhaye ubuzimagatozi umuryango **FOOTSTEPS**.

Bikorewe i Kigali, ku wa 29/01/2016

(sé)
Prof. SHYAKA Anastase
Umuyobozi Mukuru

Annex: DETAILS OF THE LEGAL PERSONALITY FOR NATIONAL NON GOVERNMENTAL ORGANIZATION

Name of Organization: FOOTSTEPS

Head Quarters/ Address: CITY OF KIGALI, DISTRICT OF GASABO

The Legal Representative: MAZIMPAKA GISIMBA JEAN- FRANCOIS

The Deputy Legal Representative: MUTAMURIZA MARIE JUSTINE

Legal Personality n°: 60/RGB/NGO/2016

Issued by: RWANDA GOVERNANCE BOARD

Date of issue: 21/01/2016

Type of Organization: NGO

Mission: EDUCATION PROMOTION

(sé)
Prof. SHYAKA Anastase
CEO/RGB

**ICYEMEZO N°RCA/0427/2017 CYO KUWA 29/08/2017 GIHA UBUZIMAGATOZI
KOPERATIVE « ABATICUMUGAMBI RUDASHYA »**

Umuyobozi w’Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo kuwa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n’imikorere y’Amakoperative mu Rwanda, nk’uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n° 48/2013 ryo kuwa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative « **ABATICUMUGAMBI RUDASHYA** » ifite icyicaro i Rudashya, Umurenge wa Ndera, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali;

YEMEJE:

Ingingo ya mbere:

Koperative « **ABATICUMUGAMBI RUDASHYA** » ifite icyicaro i Rudashya, Umurenge wa Ndera, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali, ihawe ubuzimagatozi.

Ingingo ya 2:

Koperative « **ABATICUMUGAMBI RUDASHYA** » igamije gutanga serivisi zijyanye no gutwara abantu hakoreshejwe amagare. Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n’iyo iherewe ubuzimagatozi keretse ibanje kubisaba ikanabihirwa uburenganzira.

Ingingo ya 3:

Koperative « **ABATICUMUGAMBI RUDASHYA** » itegetswe gutangaza iki Cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikimara kugihabwa.

Kigali, ku wa 29/08/2017

(Sé)

MUNANURA Apollo

Umuyobozi w’Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative

**ICYEMEZO N°RCA/0315/2017 CYO KUWA 05/06/2017 GIHA UBUZIMAGATOZI
KOPERATIVE « HOLY GARDEN »**

Umuyobozi w’Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo kuwa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n’imikorere y’Amakoperative mu Rwanda, nk’uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

